REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUZIMA

Amakuru Mashya kuri Koronavirusi COVID-19 — 26 Werurwe 2020

Uyu munsi hagaragaye abandi bantu icyenda (9) barwaye Koronavirusi. Ibi bikaba byatumye umubare w'abarwaye Koronavirusi mu Rwanda ugera kuri mirongo itanu (50).

- Abantu batanu (5) baje baturutse i Dubai bahita bashyirwa mu kato
- Umuntu umwe (1) waje aturutse muri Amerika wahise ashyirwa mu kato
- Umuntu umwe (1) waje aturutse mu Buholandi watahuwe ko yahuye n'undi urwaye Koronavirusi mu Rwanda, ahita ashyirwa mu kato
- Abantu babiri (2) batahuwe ko bahuye n'abandi barwaye Koronavirusi mu Rwanda, bahise bashyirwa mu kato

Abarwayi bose bavurirwa ahantu habugenewe kandi bari koroherwa. Abenshi muri bo ubu nta bimenyetso bya Koronavirusi bagaragaza. Nta n'umwe urembye. Hanashakishijwe abantu bose bahuye nabo kugira ngo basuzumwe ndetse bitabweho n'inzego z'ubuzima.

Abaturarwanda bose barasabwa gukomeza kwitwararika. Nkuko byatangajwe na Leta y'u Rwanda, ingamba zafashwe zigomba gukomeza gushyirwa mu bikorwa: **ubucuruzi bw'ibikorwa bitari iby'ibanze bwarahagaritswe, ingendo zihuza imijyi n'uturere zaharagaritswe** ndetse **n'ingendo zitari ngombwa no kuva mu ngo nta mpamvu zihutirwa birabujijwe**. Abantu bose bageze mu Rwanda mu byumweru bibiri (2) bazashyirwa mu kato mu gihe cy'iminsi 14 guhera igihe bagereye mu Rwanda.

Ubufatanye bwa buri Munyarwanda na buri Muturarwanda ni ingenzi. Turashimira ubwitange n'umurava by'abakora mu nzego z'ubuzima bakomeje guhabwa ubufasha mu kubungabunga ubuzima bwacu twese.

Murasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza y'inzego z'ubuzima hitabwaho cyane cyane gukaraba intoki kenshi kandi neza hanubahirizwa intera ya metero imwe (1) hagati y'abantu.

Ibimenyetso by'ingenzi bya Koronavirusi ni inkorora, guhumeka bigoranye n'umuriro. Umuntu wese ugaragaza ibi bimenyetso asabwe kwihutira guhamagara umurongo utishyurwa **114**, cyangwa akipimisha akoresheje telefone akanda ***114#** maze agakurikiza amabwiriza, cyangwa akoreheza email kuri callcenter@rbc.gov.rw, cyangwa akohereza ubutumwa bwa WhatsApp kuri **+250 788 20 20 80**, cyangwa akitabaza umujyanama w'ubuzima umwegereye.

Dukomeze gufatanyiriza hamwe gutsinda iki cyorezo.

MINISITERI Y'UBUZIMA